




**INTEGO:** Komisiyo ya Maine Igenzura Amashuri Yigenga Aterwa Inkunga na Leta (Maine Charter School Commission) izajya ikorana imirimo yayo ubushishozi mu gihe yemerere amashuri yigenga aterwa inkunga na leta gushyiraho gahunda z'imyigire zihariye kandi zifite ireme zigenewe abanyeshuri biga muri Leta ya Maine kandi inabigenzure nk'uko bigenwa n'amategeko ya Leta.

**Abanyeshuri biyandikishije  
barenga 2,000**



**Abanyeshuri  
biyandikishije baturutse  
mu migi 294 yo muri Leta  
ya Maine**



**Amashuri 9**

**ICYO TUGAMIJE:** Gufasha amashuri yigenga aterwa inkunga na leta kuba amashuri ya leta:

- Arushaho kunoza imyigire y'abanyeshuri hubakwa amashuri atanga uburezi bufite ireme kandi agaharanira ko abanyeshuri batsinda n'amanota menshi;
- Kuvanaho icyuho kiba kiri hagati y'abanyeshuri batsinda n'amanota menshi n'abandi batsinda n'amanota make;
- Kuzamura ireme ry'uburezi mu mashuri ya leta;
- Gufasha abanyeshuri batabasha gutsinda neza kubera aho bari basanzwe bigira maze bagahabwa amahirwe yo kwigira ahandi;
- Gushyiriraho abarimu n'abandi bakozi b'ishuri uburyo bushya bwo gukora umwuga wabo;
- Gushishikariza abarimu gukoresha uburyo bw'imyigishirize butandukanye kandi bufite ireme ndetse n'ubundi buryo bujyanye n'uburezi; kandi
- Abanyeshuri, ababyeyi, abatuye aho ishuri rihereye n'ibigo bikorera muri ako karere bagahabwa amahirwe yo kugira uruhare mu myigishirize yo mu mashuri ya leta.

**182 State House  
Station  
Augusta, ME  
04333-0182**

*Tumenyeshye!*

**mcsc@maine.gov  
(207)624-6720**

## Ibikunda kuvugwa ku bijyanye n'amashuri yigenga aterwa inkunga na leta

**IBIVUGWA:** Abarimu bigisha mu mashuri yigenga aterwa inkunga na leta ntabwo ari ngombwa ko baba bafite ibyangombwa bibemerera kwigisha.

**UKURI GUHARI:** Ishuri ryigenga riterwa inkunga na leta rigomba kubahiriza amategeko n'amabwiriza by'igihugu bihari bijyanye n'ubumenyi abarimu n'abandi barezi bagomba kuba bafite. Abarimu bafite akazi gahoraho ko kwigisha ku ishuri ryigenga riterwa inkunga na leta ryo muri leta ya Maine bagomba kuba bafite impamyabumenyi yo kwigisha basabwa cyangwa bakayibona mu gihe kitarenze imyaka 3 uhereye ku itariki bahereweho akazi, keretse abafite impamyabumenyi zisumbuye, abafite impamyabumenyi zijyanye n'umwuga cyangwa ubunararibonye bwihariye mu isomo runaka bigisha.

**IBIVUGWA:** Amashuri yigenga aterwa inkunga na leta "yiba amafaranga" yakagombye kuba ahabwa amashuri ya leta.

**UKURI GUHARI:** Kubera ko n'ubundi amashuri yigenga aterwa inkunga na leta na yo abarwa nk'amashuri ya leta, amafaranga atangwa ku banyeshuri bahisemo kwiga mu mashuri yigenga aterwa inkunga na leta n'ubundi ni nk'aho aba atanzwe mu mashuri ya leta.

**IBIVUGWA:** Amashuri yigenga aterwa inkunga na leta yakira gusa abanyeshuri "bafite ibibazo".

**UKURI GUHARI:** Amashuri yigenga aterwa inkunga na leta yakira abanyeshuri bose. Amashuri yigenga aterwa inkunga na leta afite intego zitandukanye, gahunda z'amasomo z'ubwoko butandukanye kandi yakira abanyeshuri b'ingeri zose.

**IBIVUGWA:** Amashuri yigenga aterwa inkunga na leta ntabwo agomba kubahiriza ibipimo ngenderwaho by'imyigishirize nk'ibyo amashuri y'akarere agenderaho.

**UKURI GUHARI:** Amashuri yigenga aterwa inkunga na leta agomba kubahiriza ibipimo ngenderwaho ndetse n'intego z'imitsindire za Leta ya Maine nk'ibyo andi mashuri y'akarere asanzwe agenderaho. Byongeye kandi ayo mashuri agomba kubazwa ibijyanye n'intego yihaye mu masezerano yagiranye n'abayahaye uburenganzira bwo gukora.



**IBIVUGWA:** Amashuri yigenga aterwa inkunga na leta ahabwa amafaranga menshi avuye muri leta aruta ayo amashuri y'akarere asanzwe agenerwa.

**UKURI GUHARI:** Amafaranga atangwa na leta kuri buri munyeshuri aramukurikira aho agiye hose yaba agiye ku ishuri ry'akarere cyangwa ishuri ryigenga riterwa inkunga na leta hakurikijwe gahunda imwe y'"Amasomo y'Ingenzi Yigishwa" (EPA). Amashuri y'akarere ahabwa amafaranga menshi yo guhamba abakozi, kubaka ibyumba bikenewe no gusana ndetse n'andi yo gukoresha nk'ayishyurwa imodoka zitwara abanyeshuri. Amenshi mu mashuri y'akarere ahabwa kandi n'amafaranga avuye mu karere mu rwego rwa gahunda y'"inkunga y'inyongera". Amashuri yigenga aterwa inkunga na leta ntiyishyurwa imisoro ku mitungo, usanga ari na ho hantu handi amashuri y'akarere akura amafaranga.

**IBIVUGWA:** Amashuri yigenga aterwa inkunga na leta ni amashuri yigenga.

**UKURI GUHARI:** Amashuri yigenga aterwa inkunga na leta ni amashuri ya leta, kandi abarwa mu mashuri ya leta yo muri leta ya Maine.

Amashuri yigenga aterwa inkunga na leta yo muri leta ya Maine:

- Ntagomba kwigaho abo mu idini runaka gusa;
- Ntabwo yishyurwa amafaranga y'ishuri;
- Ntabwo asaba ko ubanza gukora ikizami kikwemerera kuhiga;
- Agomba gufata abanyeshuri bose kimwe;
- Agomba gukoresha tombora igihe abanyeshuri basabye kuhiga baramutse baruta imyanya ihari kuko ari byo bigaragaza ko bose bahawe amahirwe angana.

**IBIVUGWA:** Amashuri yigenga aterwa inkunga na leta ntatanga serivisi z'uburezi bwihariye.

**UKURI GUHARI:** Amashuri yigenga aterwa inkunga na leta agomba gutanga serivisi z'uburezi bwihariye hakurikijwe ibisabwa n'igihugu na leta nk'uko binakurikizwa n'amashuri y'akarere.

**IBIVUGWA:** Amashuri yigenga aterwa inkunga na leta yigamo abanyeshuri b'abahanga gusa.

**UKURI GUHARI:** Amashuri yigenga aterwa inkunga na leta yigamo abanyeshuri bose kandi ntacyo babanza gusabwa mbere yo gutangira kuhiga. Amashuri yigenga aterwa inkunga na leta ntagomba kwanga kwakira abanyeshuri agendeye ku bwenge, imitsindire cyangwa ubushobozi byabo cyangwa ubushobozi mu bijyanye na siporo.